RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 21-30 Ukuboza





**P4. Cycling:** Mugisha na Ingabire begukanye "Royal Nyanza Race 2022"

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Cricket:** Uganda yegukanye irushanwa "Tri-Nation T20 Cup 2022"

P2 **Athletisme:** Abatoza bahuguwe basabwe kugira uruhare mu gutegura abakinnyi bashya

P2 **Football:** AS Kigali yasoje imikino ibanza iyoboye urutonde

P3 **Boxing:** Inkuba BC yegukanye shampiyona y'igihugu 2022

P4 **Cricket:** Ikipe y'u Rwanda U-19 mu bakobwa igiye kwerekeza muri Afurika y'Epfo

P4 **Cycling:** Mugisha na Ingabire begukanye "Royal Nyanza Race 2022"

# 1 **Cricket:** Uganda yegukanye irushanwa “Tri-Nation T20 Cup 2022”

Taliki 13 kugeza 23 Ukuboza 2022 mu Rwanda habereye irushanwa “Tri-Nation T20 Cup 2022” ryateguwe n’ishyirahamwe ry’umukino wa Cricket mu Rwanda “RCA” ku bufatanye na “Dafabet”, kompanyi yo mu Buhinde ikora ibijyanye no gutega ku mikino.

Iri rushanwa ryahuje amakipe 3 yo muri aka Karere k’Afurika y’Iburasirazuba ari yo u Rwanda, Uganda na Tanzania, rikaba ryarabereye kuri Sitade Mpuzamahanga ya Gahanga.

Ubwo hasozwaga iri rushanwa taliki 23 Ukuboza 2023 hari hateganyijwe imikino 2.

Mu mukino wa mbere ikipe ya Uganda yatsinze u Rwanda ku kinyuranyo cy’amanota 3.

Umukino wa kabiri wagombaga guhuza Uganda na Tanzania ntiwabaye kubera imvura. Aha buri kipe yahawe inota rimwe.







Ikipe y'igihugu ya Uganda

Mu mikino 12 buri kipe yakinnye, Uganda ni yo yitwaye neza isoreza ku mwanya wa mbere n’amanota 20 aho yatsinze imikino 9 inganya 2 itsindwa umukino umwe. Ikipe ya Tanzania yaje ku mwanya wa kabiri n’amanota 14 aho yatsinze imikino 6, inganya 2 itsindwa imikino 4. Ku mwanya wa 3 haje ikipe y’u Rwanda n’amanota 2 ikaba yaratsinze umukino umwe itsindwa 11.

Group (Super League)

| Team | Mat | Won | Lost | Tied | N/R | NRR | Pts |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| UGANDA | 12 | 9 | 1 | 0 | 2 | 2.492 | 20 |
| Tanzania | 12 | 6 | 4 | 0 | 2 | 0.956 | 14 |
| RWANDA | 12 | 1 | 11 | 0 | 0 | -2.960 | 2 |

Iri rushanwa ryateguwe mu rwego rwo gufasha aya makipe kwitegura imikino ya nyuma ku rwego rw’Afurika yo gushaka itike y’igikombe cy’Isi muri 2024 “Africa Regional Finals” izabera muri Namibia mu Kwakira 2023 izitabirwa na Namibia, Zimbabwe, Uganda, Kenya, Tanzania, Nigeria n’u Rwanda.



Ikipe y'igihugu ya Tanzania



Ikipe y'igihugu y'u Rwanda

## **Athletisme:** Abatoza bahuguwe basabwe kugira uruhare mu gutegura abakinnyi bashya

Taliki 7 kugeza 21 Ukuboza 2022 habaye amahugurwa y'abatoza b'imikino ngororamubiri yatanzwe n'umuyobozi ushinzwe amasomo mpuzamahanga mu Mpuzamashyirahamwe y'imikino Olempike mu Budage (DOSB), Dr. Winfried Spanaus.

Mu byo yasabye abatoza bahuguwe harimo kubyaza umusaruro ubumenyi bungukiye mu mahugurwa bahawe bagafasha abakinnyi kuzamura urwego ku buryo babasha kwitwara neza no gutsinda amarushanwa mpuzamahanga. Abatoza nabo bagaragaje ko ubumenyi bakuye muri aya mahugurwa ari ingirakamaro kandi biteguye kubushyira mu bikorwa bagateza imbere imikino ngororamubiri mu Rwanda.

Ni amahugurwa yamaze ibyumweru bibiri akaba yaritabiriwe n'abatoza 15 aho bahawe ubumenyi ndetse bafata n'umwanya wo kubushyira mu bikorwa bakora ikizamini kigaragaza urwego rwabo.

Umuhango wo gusoza aya mahugurwa witabiriwe n'abayobozi b'ishyirahamwe ry'imikino ngororamubiri mu Rwanda "RAF" barimo Perezida, Rtd Lt. Col Kayumba Lemuel, uwari uhagarariye Komite Olempike y'u Rwanda, Kajugiro Fidèle Sebalinda n'Umujyanama wa Ambasaderi w'u Budage mu Rwanda, Peter Primus.

Abahuguwe ni Hirwa Isaë, Ntirisanganwa Emmanuel, Buregeya Aimable, Bizimana Manasseh, Mutiganda Jean Damascène, Bagina Robert Thimothy, Nyiraneza Joselyne, Ndagijimana Donatien, Nkurikiyimana Fabien, Kanyabugoyi Anicet, Nduwayezu Bruno, Nshimiyimana Théogène, Niyodusenga Jean Bosco, Dusengimana Thaddée na Mushimiyimana Pascal.







## **Football:** AS Kigali yasoje imikino ibanza iyoboye urutonde

Taliki 21 kugeza 23 Ukuboza 2022 habaye imikino y'umunsi wa 15 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya AS Kigali nubwo yatsinzwe umukino w'umunsi wa 1 yasoje imikino ibanza ya shampiyona iyoboye urutonde by'agateganyo.

Imikino y'umunsi wa 16 ari nayo ya mbere y'icyiciro cy'imikino yo kwishyura biteganyijwe ko izaba taliki 20, 21 na 22 Mutarama 2023.

**Uko imikino yagenze**
**Taliki 21-12-2022**
- Rwamagana City FC **1-2** Mukura
- Rutsiro FC **2-1** Bugesera FC
- Musanze FC **1-1** Police FC
- Espoir FC **0-1** Gorilla FC
- Sunrise FC **2-1** AS Kigali

**Taliki 22-12-2022**
- Etincelles FC **1-1** APR FC

**Taliki 23-12-2022**
- Marines FC **0-1** Kiyovu
- Rayon Sports **0-1** Gasogi United

### Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| **1** | AS Kigali | 15 | 30 |
| **2** | Kiyovu | 15 | 30 |
| **3** | APR FC | 15 | 28 |
| **4** | Gasogi United | 15 | 28 |
| **5** | Rayon Sports | 15 | 28 |
| **6** | Mukura | 15 | 23 |
| **7** | Etincelles FC | 15 | 23 |
| **8** | Sunrise FC | 15 | 22 |
| **9** | Musanze FC | 15 | 22 |
| **10** | Police FC FC | 15 | 21 |
| **11** | Gorilla FC | 15 | 21 |
| **12** | Bugesera FC | 15 | 18 |
| **13** | Rutsiro FC | 15 | 13 |
| **14** | Rwamagana City | 15 | 10 |
| **15** | Marines FC | 15 | 07 |
| **16** | Espoir FC | 15 | 07 |



# **Boxing:** Inkuba BC yegukanye shampiyona y'igihugu 2022

Taliki 23 na 25 Ukuboza 2022 habaye shampiyona y'igihugu mu mukino w'iteramakofe "Rwanda Boxing Championship 2022" yateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino w'iteramakofe mu Rwanda "RBF" aho ikipe y'Inkuba BC ari yo yitwaye neza.

Muri iri rushanwa imikino y'amajonjora yabereye mu Kigo cy'urubyiruko cya Kimisagara taliki 23 Ukuboza 2022 naho imikino ya nyuma ibera kuri Club Rafiki i Nyamirambo taliki 25 Ukuboza 2022 aho yitabiriwe n'amakipe 14.

Ikipe y'Inkuba BC ni yo yitwaye neza yegukana umwanya wa mbere. Bamwe mu bakinnyi bayifashije kwegukana umwanya wa mbere harimo Mugisha Jean d'Amour , Niyonsega Reponse, Nzitatire David, Iyanone Claude, Mugisha Kelly, Umutoniwase Sandrine na Ndayishimiye Patrick.







Abakinnyi b'iyi kipe ni bo begukanye igihembo cy'umukinnyi mwiza muri iri rushanwa; Mugisha Jean d'Amour mu bagabo na Umutoniwase Sandrine mu bagore.

Ku mwanya wa kabiri haje ikipe ya Kudos BC, ku mwanya wa gatatu hasoreje ikipe ya No Limit BC, Rafiki BC (4), Amahoro BC (5) na Kigali BC (6).

Shampiyona y'igihugu mu mukino w'iteramakofe "Rwanda Boxing Championship 2022" yabaye ku nkunga ya Minisiteri ya Siporo « MINISPORTS», Agaciro Development Fund, Umujyi wa Kigali, SP, Sulfo Rwanda n'abandi batandukanye.





## **Cricket:** Ikipe y'u Rwanda U-19 mu bakobwa igiye kwerekeza muri Afurika y'Epfo

Taliki 30 Ukuboza 2022 ni bwo ikipe y'u Rwanda y'abakobwa batarengeje imyaka 19 mu mukino wa Cricket yashyikirijwe ibendera ry'igihugu mbere yo guhaguruka mu Rwanda yerekeza muri Afurika y'Epfo aho igiye kwitabira imikino y'igikombe cy'Isi "ICC U19 Women's T20 World Cup 2023".

Iyi mikino igiye kuba ku nshuro ya mbere izatangira taliki 14 isozwe 29 Mutarama 2023.

Iyi kipe y' u Rwanda taliki 01 Mutarama 2023 izerekeza muri Afurika y'Epfo gukomeza imyiteguro mbere y'uko irushanwa ritangira.

Ikipe y'u Rwanda iri mu itsinda B hamwe n'u Bwongereza, Pakistan na Zimbabwe. Mu itsinda A harimo Australia, Bangladesh, Sri Lanka na USA. Itsinda C ririmo Indonesia, Ireland, New Zealand na West Indies naho itsinda D rigizwe na India, Scotland, South Africa na United Arab Emirates.

Ikipe y'u Rwanda izatangira ikina na Pakistan taliki 15 Mutarama 2023 nyuma ikine na Zimbabwe taliki 17 Mutarama 2023 isoze imikino yo mu matsinda ikina n'u Bwongereza taliki 19 Ukuboza 2023.

Muri Nzeri 2023 ni bwo iyi kipe y'u Rwanda yabonye itike nyuma yo kwitwara neza mu mikino y'Afurika yabereye muri Botswana.

**Abakinnyi ikipe y'u Rwanda izifashisha**

Ishimwe Gisele (Kapiteni), Uwase Merveille, Isimbi Henriette, Tumukunde Marie Jose, Uwase Giovannis, Niyomuhoza Shakila, Usabyimana Sylvia, Ishimwe Henriette, Ishimwe Divine, Murekatete Belyse, Uwera Cynthia, Muragajimana Cesarie, Irera Rosine na Uwera Cynthia.








## **Cycling:** Mugisha na Ingabire begukanye "Royal Nyanza Race 2022"

Taliki 30 Ukuboza 2022 habaye isiganwa ry'umukino w'amagare "Royal Nyanza Race 2022 " ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ku bufatanye n'Akarere ka Nyanza nyuma y'amasezerano y'ubufatanye mu gutegura amarushanwa impande zombi zashyizeho umukono taliki 18 Ugushyingo 2022.

Iri rushanwa ryasoje umwaka wa 2022 "Royal Nyanza Race 2022 " ryagukanwe na Mugisha Moise mu bagabo ndetse na Ingabire Diane mu cyiciro cy'abagore.

**Abitwaye neza mu byiciro byose**

- **Abagabo (116.5 km)**

1. Mugisha Moise 03h20'03"
2. Manizabayo Eric 03h20'06"
3. Tuyizere Etienne 03h24'32" 04'29"

- **Ingimbi (94 km)**

1. Tuyizere Hashim 03h01'15"
2. Nshimiyimana Phocas 03h01'16"
3. Shyaka Janvier 03h01'16"

- **Abagore (94 km)**

1. Ingabire Diane 03h14'25"
2. Nirere Xaverine 03h14'27" 02"
3. Mukashema Josiane 03h31'10"

- **Abangavu (79 km)**

1. Iragena Charlotte 02h52'03"
2. Mwamikazi Djazilla 02h52'09"
3. Uwera Aline 02h54'07"






RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave